# Ntimukavuge muti: Allah nabishaka na kanaka akabishaka, ahubwo mujye muvuga muti: Allah nabishaka hanyuma na kanaka akabishaka

Hadith yaturutse kwa Hudhayfat (Imana imwishimire) yavuze ko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yavuze iti: "Ntimukavuge muti: Allah nabishaka na kanaka akabishaka, ahubwo mujye muvuga muti: Allah nabishaka hanyuma na kanaka akabishaka"

[Hadithi y'impamo ushingiye ku nzira zose yakiriwemo] [Yakiriwe na Abu Dawudi na A- Nasa'iy mu gitabo cye Sunan Al Kubra, ndetse na Ahmad]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabujije umuyisilamu kuvuga mu magambo ye ati: Allah nabishaka na kanaka akabishaka." Cyangwa se kuba yavuga ati: Allah na kanaka nibabishaka. Kubera ko ubushake bwa Allah n'amahitamo ye nta mupaka bigira, ndetse nta n'uwo abisangiye nawe. Gukoresha iriya nyuguti ya 'Waw' y'icyungo bisobanuye kureshyeshya Allah n'undi cyangwa se n'ikindi. Ahubwo umuyisilamu akwiye kuvuga ati: Allah nabishaka, hanyuma na kanaka akabishaka. Bityo ubushake bw'umugaragu bukaza bukurikira ubwa Allah avuga ati: Hanyuma na kanaka, icyo gihe ubushake bw'umugaragu bukaza nyuma y'ubwa Allah.



النجاة الخيرية
ALNAJAT CHARITY
لجنة الدعوة الإلكترونية
EDC E-Da'wah Committee